

Kigali, on... 12/11/2024

Reference: 123/RSB/DG/2024

ITANGAZO

Ikigo cy'Igihugu Gitsura Ubuziranenge (RSB), kiramenyesha abantu bose by'umwihariko abakora, abacuruza, ndetse n'abatumiza mu mahanga ingofero zifashishwa mu kurinda umutekano w'abakoresha ibinyabiziga byo mu bwoko bwa moto, abakoresha moto mu kazi ko gutwara abagenzi ndetse n'abo bazitwaraho (abagenzi), ndetse n' abandi bose bakoresha inzira nyabagendwa hifashishijwe ibinyabiziga byo mu bwoko bwa moto, ko u Rwanda rwashyizeho amabwiriza y'ubuziranenge **RS 576:2024 -Protective helmets for motorcycle and moped users — Specification** nk'uko yatangajwe mu igazeti ya Leta yo kuwa 19 Kanama 2024 (*Official Gazette n° 34 of 19/08/2024*).

Aya mabwiriza y'ubuziranenge akena ibyo ingofero (*Helmets/Casques*) zigomba kuba zujuje kugira ngo habungwabungwe umutekano w'abakoresha ibinyabiziga byo mu bwoko bwa moto, harimo ibyitabwaho mu kuzikora, ibigenderwaho hasuzumwa ubuziranenge bw'ingofero muri laboratwari, ndetse n'ibyitabwaho kugira ngo ingofero izakoreshwe neza ifasha kubungabunga umutekano w'uyambaye.

RSB iboneyeho kumenyesha abarebwa n'ishyirwa mu bikorwa ry'aya mabwiriza y'ubuziranenge avugwa kuyigana kugira ngo bahabwe ubufasha bwose bwa tekini bwakenerwa mu ishyirwa mu bikorwa ryayo. Ukeneye kumenya birambuye ibikubiye muri ayo mabwiriza y'ubuziranenge wasura urubuga rwacu rubikwaho amabwiriza y'ubuziranenge: <https://portal.rsb.gov.rw/index.php> cyangwa ugasura urubuga rw'Ikigo: www.rsb.gov.rw , ugakanda ahanditse **E-services** ugakurikiza inzira ikuyobora ku mabwiriza.

Turashimira uruhare rwa buri wese hagamijwe kurengera umutekano w'abakoresha ibinyabiziga byo mu bwoko bwa moto binyuze mu kubahiriza amabwiriza y'ubuziranenge yavuzwe haruguru.

Ku bindi bisobanuro cyangwa mukeneye kudasangiza amakuru, mwahamagara umurongo utishyurwa 3250 cyangwa 0788303492.

Bikorewe i Kigali kuwa 12/11/2024

MURENZI Raymond
Umuyobozi Mukuru

